Icyiza ni ukurangwa n'imico myiza, n'ikibi ni buri kintu cyose kikubuza amahoro mu mutima wawe, ukaba udashaka ko abantu bakimenya

Hadith yaturutse kwa A-Nawasi Ibun Simu'an (Imana imwishimire) nawe ayikuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Icyiza ni ukurangwa n'imico myiza, n'ikibi ni buri kintu cyose kikubuza amahoro mu mutima wawe, ukaba udashaka ko abantu bakimenya". Hadith nanone yaturutse kwa Wabiswat Ibun Ma'abad (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nagiye kureba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) maze irambaza iti: "Uje kumbaza icyiza n'ikibi?" Ndayisubiza nti: Yego, maze irambwira iti: "Ibyo bibaze umutima wawe, icyiza ni cya kindi umutima wawe ugiriyeho ituze, naho ikibi ni cya kindi kikubujije amahoro muri wowe, kikagutera guhangayika, kabone n'iyo abantu bakubwira itegeko ryacyo."

[الحديث الأول: رواه مسلم، والحديث الثاني: رواه أحمد والدارمي] [Hadithi y'impamo]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ku cyiza n'ikibi igira iti: Icyiza kiruta ibindi ni ukurangwa n'imico myiza hamwe na Allah umutinya, ndetse na hamwe n'ibiremwa bye wihanganira inabi yabyo, unarangwa n'uburakari bucye, ndetse unamwenyura mu buranga, urangwa n'imvugo nziza, no kunga isano ry'imiryango, no kumvira, no koroha no kugira ubuntu ndetse no kubanira neza uwo mwashakanye n'abo mugendana. Kandi icyiza ni igitera ituze mu mutima. Naho ikibi ni cya kindi kiguteye impagarara muri wowe kikakubuza amahoro, kikagutera urujijo bigatuma ugira gushidinya muri wowe, ndetse ukagira ubwoba bw'uko ari icyaha, kandi ukifuza ko nta muntu wakimenya kubera ko ari kibi mu maso y'abantu bashyira mu gaciro, kubera ko ubusanzwe muri kamere umutima w'umuntu ukunda ko abantu bamenya ibyiza ukora, iyo wanze rero ko babimenya ibyo bikorwa biba ari bibi nta cyiza cyabyo, kabone n'iyo abantu bakugira inama yo kubikora ntunyurwa, kubera ko haba hari ikimenyetso giteye urujijo, kikikubungamo mu mutima wawe, kandi iyo nama bakugira ntiyakuraho urujijo, cyangwa se bakaba baguhaye iyo nama nta bumenyi babifitiye! Ariko iyo nama yubakiye ku bumenyi no kuri gihamya yemewe n'amategeko, icyo gihe uba utegetswe kukireka, kabone n'iyo umutima wawe waba utanyuzwe nacyo.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/66540